
HelsaMi

HELSE MIDT-NORGE    HELSEPLATTFORMEN







Skana QR kode cyangwa usome byinshi kuri helsami.no

**Amakuru make kubyerekeranye na HelsaMi :**

**HelsaMi ni iki?**

- Binyuze muri application cyangwa muri mudasobwa, ushobora kubona amakuru yose ajyanye n'ubuzima bwawe no kugirana ibiganiro n'inzego z'ubuzima mu buryo bworoshye kandi bufitiwe umutekano.

**Ni iki nshobora gukoresha HelsaMi?**

- Gukurikiranira hafi amatariki ya gahunda
- Kureba amakuru ajyanye n'ubuzima bwawe n'ibisubizo by' ibizamini
- Amabaruwa n'ubutumwa
- Gukorerwa isuzumwa biciye kuri videwo
- N'ibindi byiyongereyeho

**Ese mbwirizwa gukoresha HelsaMi?**

- Oya, ni ubushake bwawe. Ushobora gukoresha telefoni cyangwa amabaruwa mu iposita nk'uko bisanzwe.

**Ese umwirondoro wanjye ufitiwe umutekano muri HelsaMi?**

- Yego, winjira ukoresheje ID-porten nk'uko bikorwa muri serivisi nyinshi za Leta.

**Ni bande bemerewe gukoresha HelsaMi?**

- Ni uwo ariwe wese urengeje imyaka 16 kandi ukeneye ubufasha bw'ubuvuzi cyangwa serivisi zo kwita ku buzima zitangwa n'ibitaro, komune cyangwa se umuganga wawe bakoresha HelsaMi. Reba amakuru arambuye kuri www.helsami.no.
- Ushobora kandi kubona uburenganzira bwo kubona amakuru ku wundi muntu witaho cyangwa ku bana bawe.

**Ni ayahe makuru nshobora kubona kuri HelsaMi ntabona kuri Helsenorge?**

- kuri HelsaMi, ushobora kubona amakuru yose ajyanye n'ubuzima bwawe, urugero nko kubona icyegeranyo cy' inshuro zose wabonanye na muganga,wasuzumwe cyangwa se winjijwe ibitaro, hamwe ni ibindi bynshi.
- Uhabwa amahirwe yo kuganira n'abantu bose bashinzwe ubuzima bwawe.

Urubuga rwa Helsa Mi rufitwe mu nshingano na midtnorske kommuner hamwe na Helse MidtNorge. Ubusobanuzi mu ndimi zitandukanye buboneka kuri www.helsami.no

www.helsami.no

GET IT ON Google Play

Available on the App Store

Helseplattformen AS oktober 2024 / Kinyarwanda